

# Youth voices

Issue  
005

A Never Again  
Rwanda Publication

## Lockdown Generation

Life under lockdown & unexpected experiences

Youth Activism and Fighting Injustice

Symphony band: Urubyiruko rushyize hamwe, icyizere cy'ahazaza ha muzika nyarwanda

**Disclaimer:**

The views expressed here are of the authors and do not necessarily reflect those of Never Again Rwanda or their partners.



A platform 'by' and 'for' youth, aimed at championing for their voices. We invite youth to send poems, articles, and opinions on any topic of interest in our community.

### LETTER BOX / TANGA IBITEKEREZO



Thank you for your contribution to this edition. We look forward to your thoughts on the next magazine and any other news or information you would like to share with your fellow youth. Talk to us by sending an email to [info@youthvoices.org.rw](mailto:info@youthvoices.org.rw), or post a letter to the following address. Twitter: [@Inziranziza](https://twitter.com/Inziranziza)

Tubashimiye ko mwagize uruhare muri iki kinyamakuru kandi twizeye ko muzakomeza gutanga ibitekerezo no muri numero itaha mu buryo butandukanye dusangiriramo amakuru. Niba ushaka kudasangiza ibitekerezo, cyangwa inkuru wakohera imeri kuri [info@youthvoices.org.rw](mailto:info@youthvoices.org.rw) cyangwa ukatwandikira kuri twitter [@Inziranziza](https://twitter.com/Inziranziza).



## WHY DO YOUTH VOICES MATTER?

**Osee Nkurikiyimana:** Youth voices enable young people to take part in the decision making processes. This could be done through their representation at all levels including government institutions, private sector, and non-governmental organizations.

**Oliver T. Mhuriro:** Youth voices can be enhanced by creating more safe civic spaces for youth to freely express themselves, while encouraging diverse youth groups to fully participate in civic engagements and advocacy activities.

**Fida Umwali Princess:** No segment in the society can match the power, idealism, enthusiasm, and courage of the young people, giving them a space to participate in decision-making creates more inclusive communities.

## EDITORIAL TEAM

**Publisher**  
Never Again Rwanda

**Director of Publication**  
Dr. Joseph Nkurunziza Ryarasa

**Managing Editor**  
Immy Mulekatete

**Editor**  
Jessica Mbanda, Eric Birori

**Creative Direction**  
Latim Wathum

**Illustrations**  
Cyusa Benjamin

**Photography**  
Munezero Harris Emma, Birori Eric, Igihe

**Contributors**  
Uwihozo Claire, Osee Nkurikiyimana, Oliver T. Mhuriro, Fida Umwali Princess, Hamza Philbert Iradukunda, Esther Mbonnyubuhanya, Maxime Munyampirwa, Kwizera Bertin, Umuhoza Sandrine, Igihoza Stella, Narcisse Tuyizere, Assoumani Ntakirutimana, Uwase Clénie, Niyontezeho Etienne, Ariel Ways.

**Appreciation**  
Never Again Rwanda would like to appreciate all our partners and the youth in all corners of the country working hard and relentlessly towards conflict prevention and building to lasting peace.

**Copyright:**  
©Never Again Rwanda 2020 [+250] 0788 386688, [info@neveragainrwanda.org](mailto:info@neveragainrwanda.org), [www.neveragainrwanda.org](http://www.neveragainrwanda.org)





Eric Birori

## UNEMPLOYMENT AND THE LOCKDOWN GENERATION

The coronavirus (COVID-19) pandemic has had profound effects on all aspects of society - psychological, economic, and social well-being of individuals and communities. Restrictions that have been put in place in response to COVID-19, including direct business closures, social distancing, and stay-at-home provisions have affected people, especially the youth.

As reflected in a recent International Labor Organization (2020) report on the impact of the COVID-19 crisis, youth were already vulnerable within the workforce prior to the crisis; the recent advent of massive job losses

and the growing precarity of work is having particularly painful impacts on young people across the globe. Vulnerable and marginalized youth are at particular risk of COVID-19 and its impacts.

Before the lockdown, the unemployment rate in Rwanda in general was at 16.7% and 23% among young people, according to the Rwanda National Institute of Statistics. During and after the COVID-19 crisis, the youth labour market has meant that young people are more susceptible to facing an uncertain future.

ILO uses the term "lockdown generation" to describe young people facing multiple shocks from the COVID-19 crisis, including increased vulnerability to anxiety or depression. Some analysts estimate that the situation will worsen in the coming months.

Like other economies, in Rwanda the youth labour market is characterized by consumer-facing roles such as retail, hospitality, events, fitness, entertainment industries, taxi-motor

and other informal jobs that have been closed during the pandemic.

Young people are at the center of the post-pandemic recovery. Youth have taken the initiative to better their

across the country to help with the response efforts.

As the country returns to some semblance of normalcy, there is a need to create opportunities



communities by producing masks, volunteering to raise awareness on social-distancing measures, collecting funds for food for their neighbors, locally producing soaps and sanitizers, as well as initiating digital and innovative discussions. More than 5,000 youth volunteers have been deployed

for the newly unemployed youth. There is also a need for youth empowerment programs through entrepreneurship, access to finance, and financial literacy.



---

# Life under lockdown & unexpected experiences

---

... uncover hopeful stories, thoughts, feelings, and attitudes from lockdown...

The lockdown has been considered a disappointing and an anxiety-inducing experience which could leave a mark on future generations. Talking to youth country-wide, they expressed the unexpected experiences, hopeful stories, thoughts, feelings, and attitudes from the lockdown.



**Hamza Philbert Iradukunda**  
*(NAR Clubs and Associations)*

The young people in my area did not behave well at the beginning of the lockdown, because they didn't understand the reasons why they had to stay at home or why the economy and some services had shut down. Through the collaboration with Government and other youth volunteers, they were sensitized about the situation and they started to comply. During the lockdown, I learnt to bake cakes and other pastries.



**Esther Mbonyubuhmya**  
*PBI Alumni*

When I arrived in Kigali from Butare, I rode with a motorcyclist who told me that I was his last passenger. I had no idea that I would be locked up in Kigali, with no possibility to go back home (in Gisagara). Even though the lockdown has subsided, I still feel some of its negative effects. One thing that helped me cope with loneliness and isolation was talking to my loved ones, attending online meetings, and reminding myself that I was not the only one going through it.



**Maxime Munyampirwa**  
*University Graduate*

During quarantine, I tried to invest in my mind by acquiring more knowledge. I took online courses, and read books. I was also constantly writing. I coped with the isolation by writing, and soon I will publish a collection of poems that I wrote during the quarantine. However, I struggled with a couple of things like scheduling time for exercise, getting enough sleep and ensuring that I don't spend too much time watching movies. This period taught me that I don't get energy by solely being by myself but a balance of my private time and taking the time to socialize.





# YOUTH ACTIVISM AND FIGHTING INJUSTICE

The Black Lives Matter protests that have been sweeping across the globe have been among the most defining moments of 2020 thus far, and have exposed the deepest cracks in global systems. Young activists have been at the forefront of seeking justice for George Floyd, Breonna Taylor, Ahmaud Arbery and countless other black men and women that have been victims of racist attacks and police brutality.

These protests have triggered a global movement of young people engaging in activism. Youth have taken to social media to unmask all injustices in their respective communities and educate

one another on systemic racism (specifically anti-black racism), white privilege and how we all can unlearn the toxic stereotypes, prejudices and mindsets that we may subscribe to intentionally and unintentionally in a bid to promote and justice for today and future generations.

Youth have long been drivers of social change around the world. All throughout history, young people have advocated for social change by protesting, demonstrating, and articulating their concerns about the issues at hand while advocating for changes in legislation. Because young people often have desire, energy and

idealism to do something about the injustice they see in the world, they are often successful in influencing positive change.

Young people have transformed their feelings of anger, sadness and hopelessness into concrete actions that can make the world more equitable. With the rise of social media, the youth now more than ever have the opportunity to engage in advocacy for peace and justice by calling out various injustices and demanding change. Barriers that previously affected youth engagement in seeking social justice like lack of platforms or limited access to information have

been bridged by Twitter, Instagram, Facebook, TikTok. These social media platforms have brought youth from all around the world to realize their collective power and step-up to form and join groups that promote peace by fighting prejudice and injustice.

As a result of the COVID-19 pandemic, youth activism this year has largely taken place online. Youth have taken on educator roles by launching online educational campaigns to help their peers and the society at large to examine implicit, overt and even covert forms of bias and discrimination. Through these campaigns, they are providing their followers, peers and the world with the structure, opportunity and tools to do something about the injustice they see in the world.

To a Rwandan living in Rwanda or on the African continent, upon first glance at the Black Lives Matter Movement, we can be deceived to think that it does not concern us. "We're all black here, there is no racism", "We are not affected" are some of the common statements I've heard from people defending why we as Africans have no business jumping onto the Black Lives Matter bandwagon. Unfortunately, this is untrue for a couple of reasons: Black people have been victims of discrimination and racism in many places including their own continent. It may not manifest itself the way it does abroad, but rather has taken on other



**“Colorism and tribalism are among the most evident injustices taking place on our continent”**

forms through the legacy of colonialism that lingers on the continent.

Colorism and tribalism are among the most evident injustices taking place on our continent that can be directly linked to colonialism which is linked to white supremacy. When we discriminate against somebody because of their skin tone or tribe they, we too are contributing to the existing system of inequality and injustice.

As youth in a country that has experienced the detrimental effects of injustice, inequality and discrimination, it is imperative that we join the global movement to fight injustice. Whether it is through educating ourselves, educating others, using our platforms in society and online to raise public awareness, we can all play a role in building a peaceful world that is intolerant to injustice, bias, discrimination, racism and prejudice in all its forms. The only way we can fight injustice is to act.





# URUHARE RW'URUBYIRUKO MU KURWANYA UBUSHOMERI

Anne Tuyizere

**Ubuhamya:** Yatangiye kwizigamira ku myaka 12, afite umushinga wa miliyoni esheshatu

**Quote:** "Nabwira urubyiruko ko amafaranga yose asa, yaba ari amafaranga wakoreye mu biro cyangwa mu bindi bintu bikugoye, akazi kose gapfa kuba kakwinjiriza, mureke dukunde umurimo"





**“Hari igihe mbwira urubyiruko ngo muze mbahe ikiraka mu buhinzi ariko yahagera ukabona biramugoye. Amafaranga yose arasa, yaba ari amafaranga wakoreye mu biro cyangwa mu bindi bintu bikugoye, akazi kose gapfa kuba kakwinjiriza, mureke dukunde umurimo”**

**T**uyizere Anne atuye mu murenge wa Gacurabwenge mu karere ka Kamonyi avuga ko yatangiye kwizigamira akiri umwana aho yarangiye kwiga amashuri yisumbuye afite miliyoni ebyiri. Uyu muni, nubwo afite imyaka makumyabiri (20), Tuyizere afite umushinga wo guhumbika ibiti n'imbuto zinyuranye. Nk'uko abitangaza, ngo umushinga ubarirwa muri miliyoni esheshatu z'amafaranga y'U Rwanda (6million Rwf).

Tuyizere kuri ubu wiga mu mwaka wa kabiri (INES Ruhengeri) mu ishami rya Biomedical Laboratory Science, ibikorwa bye bikorwa n'isosiyete yashinze ikora ubuhumbikiro bw'imbuto n'ibiti birimo ingemwe z'amatunda, ibinyomoro, ibiti byo kurwanya isuri n'ibindi.

Kuri ubu akaba afite ubuhumbikiro burimo ingemwe zigera ku bihumbi 50.



Mu kiganiro twagiranye yadutangariye ko byose byavuye mu kwizigamira ati “Natangiye kwizigamira mu myaka 12, njya kurangiza amashuri abanza nari mfite ibuhumbi 500 kuri konti, nagiyeye kurangiza kwiga amashuri yisumbuye mfite miliyoni ebyiri. Gusa ntabwo nari nziko nzakora ubuhinzi kuko numvaga nzakora iduka ry'imyenda, ariko nyuma nza gutekereza icyagirira sosiyeti ntuyemo akamaro”.

Yabanje kureba kimwe mu bibazo byugariye aho atuye maze ahitamo gukora ubuhinzi kuko aribwo yabonaga ko buzaha akazi urubyiruko rwinshi rutagize amahirwe yo kwiga kandi bikagabanya indwara zo kugwingira zikigaragara aho iwabo batuye. Kuri we. uyu wari umusanzu ukomeye mu kubungabunga

ibidukikije.

Tuyizere asanga, urubyiruko rudakwiye gufata ubuhinzi nk'umwuga ureba abantu bakuru cyangwa abatarize gusa. “Hari igihe mbwira urubyiruko ngo muze mbahe ikiraka mu buhinzi ariko yahagera ukabona biramugoye. Amafaranga yose arasa, yaba ari amafaranga wakoreye mu biro cyangwa mu bindi bintu bikugoye, akazi kose gapfa kuba kakwinjiriza, mureke dukunde umurimo”.

Tuyizere asaba inzego za Leta gushyigikira urubyiruko rukora ubuhinzi rukabasha kubona amasoko, kubona inguzanyo no gushishikariza urundi rubyiruko gukunda ibikorwa by'ubuhinzi. Inama agira urubyiruko ni uko icya mbere ari ugutangira, bagashora duke bafite baharanira kugira impinduka aho batuye. Kuri ubu Tuyizere afite abakozi 11, harimo umwe uhoraho n'abandi 10 badahoraho.





# URUBYIRUKO RW'ABAKORERABUSHAKE, INKINGI ZA MWAMBA MU KURWANYA COVID-19

Muri ibi bihe buri muntu wese asabwa umusanzu mu kurwanya ikwirakwira ry'icyorezo cya COVID-19. Urubyiruko rw'abakorerabushake rushimirwa uruhare rwagize mu bikorwa rurimo hirya no hino mu gihugu by'ubukangurambaga bugamije gutera ingabo mu bitugu Leta y'u Rwanda mu kurwanya icyorezo cya COVID-19.

Ni muri urwo rwego twasuye urubyiruko mu bice bitandukanye by'umuji wa Kigali maze tunganira ku ruhare rwabo mu gushyira mu bikorwa ingamba zo kwirinda COVID-19 ndetse n'ibindi bikorwa bagenda bagaragaramo mu bihe bitandukanye.



**Kwizera Bertin**

## Turi kwiga kandi dusigasira ibyagezweho

Nk'uko urubyiruko ariwo rwafashe iya mbere mu kubohora igihugu no guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, nyuma y'iyi myaka 26 abahagaritse Jenoside barabyina bavamo. Nkatwe urubyiruko rw'abakoranabushake turi kwiga kandi dutera ikirenge mu cyabo kugirango dusigasire ibyagezweho. Ntabwo tukirwana intambara y'amasasu ahubwo intambara turwana ni intambara y'iterambere.



**Umuhoza Sandrine**

## Abakobwa natwe turashoboye

Nkunda kubona abana b'abakorwa bitinya. Akenshi nkeka ko byaba biterwa nisoni cyangwa kwisuzugura bakumva ko ntacyo bibamariye. Nagirango mbabwire ko nta gikorwa gipfa ubusa, niba ukoreye igihugu cyawe, ejobundi bakwibuka ko witangira igihugu maze bakaguhanga inshingano cyane ko abana b'abakobwa hari byinshi dushoboye. Niyo mpamvu dukwiye gufatanya na basaza bacu kugirango twubake u Rwanda twifuza.



**Igihozo Stella**

## “Ubukorerabushake: Ni Ukwifasha no gufasha igihugu”

Nta muntu ukorera igihugu ngo yikorere amaboko, iyo urimo gukorera ubushake wunguka ubushobozi n'ubumenyi bwagufasha mu kandi kazi ushobora kubona. Ni imbaraga ziba zikenewe ngo dukomeze gutera imbere. Urubyiruko ni imbaraga z'igihugu, ntabwo umuntu mukuru ariwe uzaza kwirirwa ahagaze abwira abantu kwambara agapfukamunwa neza. Njye mfite izo mbaraga zo kurwanya COVID-19 mu rwego rwo kwirinda no kurinda umuryango nyarwanda.

# Fashion

**Binjye mu budozi barangije Kaminuza, bafite intego zo gushinga uruganda**

**A**bagize sosiyeti idoda imyambaro Afrlhozo Clothing bavuga ko babyinjyemo barangije kwiga ndetse bikabanza kubatera ipfunwe. Gusa ngo kuko bari bazi icyo bashakira bakomeje guhangana n'imbogamizi bahuye nazo muri urwo rugendo aho kuri ubu bafite indoto zo gukora uruganda rwabo.

Narcisse Tuyizere ni umwe mubagize iyi sosiyete. Bagitangira bumvaga bafite ipfunwe ryuko bagiye gutangira kudoda kandi barangije Kaminuza, ibi ngo ntibyari bimenyerewe mu Rwanda. Ku mafaranga ibihumbi ijana (100.000 Rwf) gusa batangiriyeho, bashatse umudozi wagomba kubafasha mu kazi kabo. Dore ko bo batari bazi no kudoda! Uyu muni, bafite abadozi 10 bahoraho ndetse icyo akazi kabonetse kubwinshi bashobora no kugeza ku badozi 50.

Mu gukora ubudozi bwabo bwa buri muni bifashisha murandasi mu kwihugura no mu kwigira ku myenda ikorerwa mu bice bitandukanye by'isi bakabyifashisha mu guhanga udushya ariko bibanda ku bikenewe ku isoko ry'u Rwanda (Made in Rwanda).

## Baracyahura n'inzitizi

Nk'uko abagize iyi sosiyete babitangaza, ngo abakora umwuga w'ubudozi baracyahura n'imbogamizi zitandukanye zirimo kubura igishoro cyo guhaza isoko bafite.

Ibi ngo akenshi biterwa no kubura inguzanyo cyane ko akenshi nta ngwate bagira, ibikoreho bihenze n'ibindi. Ikindi kandi ngo hari bamwe mu banyarwanda bafite imyumvire ko ibikorerwa mu Rwanda bidafite ubuziranenge ndetse abandi bakumva ko bihenda. Gusa ngo iyi myumvire igenda ihinduka uko iminsi ishira indi igataha.



"Mfite impamyabushobozi ya Kaminuza nakuye muri KIST mu bijyanye n'ubutabire (chemistry), ntabwo nize ubucuruzi cyangwa ubudozi. Nkimara kurangiza amashuri natekereje ko ntakwiye kujya gusaba akazi cyangwa ngo nteze ikibazo mu muryango ahubwo mpitamo kuba igisubizo".

**Narcisse Tuyizere, Afrlhozo Clothing**

"Nagize inzizi zo kuba umwe mubakora imideli nkiri muto ndetse kuva icyo gihe ngira inzizi zo kuzashinga isosiyete yanjye. Ikintu cyangoye mu gutangira ni ugufata icyemezo cyo kureka akazi gahemba neza, katarimo ingorane, nkajya kwikorera. Byarangoye bikomeye, usibye kuba abantu barancaga intege nanjye sinabyiyumvishaga. Gusa baravugaga ngo wasiga ikwirukankana ariko ntaho wasiga ikikurimo".

**Ihoze nice washinze Afrlhozo Clothing**





Assoumani Ntakirutimana

## “ABA BANA NTIBAKENEYE GUCYAHWA,

BAKENEYE KWIGISHWA KU BUZIMA BW'IMYOROROKERE.”



**M**u myaka ishize ubwo iterambere ryari ritangiye gusakara mu Rwanda, ndibuka neza umunsi nari mvuye kugura telefoni igezweho. Nishimiye ko ngiye kujya nsomera amakuru kuri “Smart Phone”! Zimwe nkuru nasomye bwa mbere harimo iyo ntazibagirwa: Mu kigo cy’amashuri cya Nsinda ho mu Karere ka Rwamagana, abana b’abakobwa 26 batewe inda mu mwaka umwe gusa.

Abana 26? Mu mwaka umwe? Batewe inda? Gute se? Na nde? Birashoboka ko waba warayisomye cyangwa warayumvise kandi ukibaza ibi bibazo nibajije. icyo duhurizaho, ni uko kubona ibisubizo bitoroshye.

Kuruhande rwanjye, umwanzuro nafashe ni uko iki cyari ikindi cyorezo cyari cyadutse mu muryango wacu nk’abanyarwanda. Ni mu gihe kandi! Guhera uwo munsi kugeza ubu, imibare ikomeje kugenda yiyongera. Imibare itangazwa n’ Ikigo cy’igihugu gishinzwe

kugenzura iyubahirizwa ry’uburinganire n’ubwuzuzanye hagati y’umugore n’umugabo (GMO) igaragaza ko mu mwaka wa 2016 abana b’abakobwa 17,849 batewe inda zitateguwe. Mu mwaka wakurikiyeho wa 2017 bari 17,337, mu 2018 bari 19,832 naho mu mwaka ushize wa 2019 bari 15,696 batewe inda mu gihugu hose.

Iyi mibare iteye ubwoba! Iteye ubwoba cyane ko ubukungu bw’u Rwanda ari abanyarwanda. Aba bajyambere nabo, guterwa inda uretse no kuba bishobora guhitana ubuzima bwabo, ni imwe mu nzitizi z’ahazaza heza habo n’Igihugu muri rusange.

### Bigira ingaruka ku buzima bwabo

N’ubwo ntabanje kwivuga, ubusanzwe nkora filimi mbarankuru. Ndibuka neza mu mwaka wa 2018 ubwo nakoreraga filimi umuryango ufasha abana b’abakobwa batwaye inda zitateguwe witwa Hope for Rwanda.

“Tubwire abakobwa ko iyo bishoye mu mibonano mpuzabitsina idakingiwe batwara inda zitateganijwe, ariko tubwire n’abahungu bacu ko nabo iyo bayishoyemo batera abakobwa inda zitateguwe.”



Ibyo namenyeyo ku ngaruka z'iki kibazo biteye ubwoba. Nibura 96% by'abo twaganiriye bari abanyehsuri bigaga mu mashuri yisumbuye mbere yo kubyara. Bose, bahagaritse amasomo ubu barera abana babo.

Ikibabaje kurushaho, ni uko akenshi inzizi aba bana b'abakobwa barotaga zarangiriye ku kubyara. Bamwe bahise bava mu ishuri. Abandi batereranywa n'imiryango yabo kuburyo usanga ya nzira yo kurota icyo "tuzaba cyo tumaze gukura" yahise igarukira kukubwoba.

Ndibuka uwo twaganiriye, maze ambwira ko yigaga ashizeho umwete kuko yari azi ko azaba umupilote. Zari inzizi nziza! Ubwo twaganiraga, yari arimo kwiga kudoda imyenda kuko nk'uko yabivugaga ati: "Ntakundi nabigenza. Indege yaransize kubera uyu mwana."

Kimwe n'abandi, isi yose isigaye imureba nk'ikirumbo, nk'uwabuze uburere, nk'uwataye umuco. Ababyeyi be bamwirukanye mu rugo kuko yabakojeje isoni aho batuye. Kuri bo, ngo "Umwana ni umuhungu" we udatwara inda! Nibyo se? Ntatwara inda ariko arayitera. Ikimenyimenyi, ni uko uwo mwana navugaga ruguru yatewe inda n'uwo biganaga mu ishuri, kandi we yakomeje kwiga. Kandi ni mugihe, tubwira aba bana b'abakobwa kudaterwa inda... basaza babo biterera umupira!

### Iki kibazo kireba nde?

Ubwo nari mbajije iki kibazo abana nshinzwe kurera, abenshi bahuriye ko

ari ikibazo kireba ababyeyi. Yewe, hari n'abageraga ku rundi rwego maze bagahamya ko ari inshingano z'umubyeyi w'umugore kuganiriza abakobwa be ku bijyanye n'ubuzima bw'imyororokere. Abandi nabo, bati "erega ni inshingano z'umukobwa kwirinda", cyane ko ari we bigiraho ingaruka!

Biteye ubwoba! Ko abakobwa baterwa inda, baziterwa nande? Si abagabo batera inda se? Umunyarwanda ati: "Aho kwica Gitera wakwica ikibimutera!" Igitangaje rero, ni uko bamwe muri aba bana ari ingimbi usanga zifite intego yo "kumenya uko bimera"!

Aba bana b'abahungu akenshi bahora ku gitutu cya bagenzi babo bababwira ko nabo bagomba "Kubikora". Nta gushidikanya ko abenshi muri izi ngimbi baba bafite ubumenyi buke ku ngaruka zo kwishora mu mibonano mpuzabitsina cyane ko umuco wacu nk'abanyarwanda ibyo bitavugwa!

Twese turabizi! Kirazira kikazirizwa kubivugira mu ruhamwe [Nanjye, muri iyi nyandiko sindabihingura ngo mbivuge! Gusa nizeye ko muri kumva ibyo nshaka kuvuga!] Yewe, na wa mwana w'umukobwa, umubyeyi we abimubwirira mu gikari. Wa muhungu se, azamenya ko uko areshyareshya mugenzi ku kumva uko bimera, bizamushyira mu byago byo gutwita inda itateguwe? Iby'indwara zandurira mu mibonano mpuzabitsina byo reka mbe mbishyize ku ruhande.

Mu minsi ishize hari umubyeyi twari kumwe mu modoka. Ubwo twaganiraga kuburere n'imukurire y'abana bacu atubwira uburyo umwana we ufite imyaka 13 yigeze kumubwira ngo amusengere. Ikibazo cyari ikihe? Ngo mu gitondo kimwe umwana yaraje maze aramubwira ati: "Mama, ndashaka ko unsengera. Agapipe kanjye gasigaye kabyuka kanyiyenzaho! None, nijoro kazanye ibintu ntazi...".

### "erega ni inshingano z'umukobwa kwirinda"

Aho kumwumva no kumutega matwi, ngo yaramucyashye amubwira ko ibyo bitavugwa! Ati "Ibyo ni ibishitani." Rimwe na rimwe aho kurebera ikibazo mu ndorerwamo yacyo, akenshi usanga turi gushyira ibibazo ku bana. Tukabashinja kwica umuco kakahava! None se, uyu muhungu ntimwumva ko igihe cyageze ngo atangire gutera inda? Cya gitutu cya bagenzi be nikimugeraho bizagenda bite?

### Umufi w'iki cyorezo ufite n'ababyeyi

Babyeyi, ndabizi bamwe mushobora kumva ko wenda mu gihe cyacu bitakorwaga ubwo twari abana, ariko, igihe ni iki. Aho gukomeza kureba abana cyane cyane abakobwa nka ba nyirabayazana b'ikibazo, mukumva ko badashobotse, birakwiye ko twicarana nabo tukababwira ukuri. Tubwire

abakobwa ko iyo bishoye mu mibonano mpuzabitsina idakingiwe batwara inda zitateganijwe, ariko **tubwire n'abahungu bacu ko nabo iyo bayishoyemo batera abakobwa inda zitateguye.**

Ntabwo nirengagije ko hari n'abagabo bakuze badaterwa ipfunwe no gushora abangavu bangana abo babyaye muri iyi migirire mibi. Kuri aba, ni ikindi kibazo kandi nabonye na leta iri kukivugutira umuti.

Iwacu aho mu nsisiro, mu cyaro cyangwa mu mugi, uko bizagenda kose umuco wacu ntuzabuza bamwe mu bana bacu gushukwa no kwishora mu mibonano mpuzabitsina. Aba bana ntibakeneye gucyahwa, bakeneye kwigishwa ku buzima bw'imyororokere. Imbaraga tuzakomeza gushyira aho dutuye tubwira ingimbi zacu kwifata no gukoresha agakingirizo, ni umuti uzafasha mu kugabanya inda zitateguye ku bana b'abakobwa.

Niba bitagenze gutya, babyeyi, nitwe twananiwe inshingano zacu. Nitwe turi kurerera nabi igihugu. Si inshingano za Mwarimu gusa, ahubwo ni inshingano z'uwitwa umurezi n'umubyeyi wese.

Ibi ni ibitekerezo byanjye. Ndashimira uru rubyiruko rumpaye uyu mwana ngo mbicishe hano. Ushobora kuba hari ibyo utemeranya nanjye cyangwa ushaka kongeraho...nawe uyu mwana wawusaba. Maze, dufatane urunana, dusenyere umuguzi umwe dushakisha icyakomeza gufasha urubyiruko rwacu kugira ahazaza heza.



## Ubuhamya: Uwanteye inda yaranyihakanye, byambujije amahirwe menshi



**K**aliza (Izina twamuhaye), 30 atuye mu murenge wa Kibirizi mu karere ka Nyamagabe akaba yaraduhaye ubuhamya bw'uko gutwara inda akiri muto byambujije amahirwe ndetse agira n'ubutumwa agenera urubyiruko by'umwihariko. Avuga ko yatwaye inda akirangiza kwiga amashuri yisumbuye. Byambujije amahirwe menshi nyuma yo gutereranwa n'uwamuteye inda. Ubu, ni ubuhamya bwe.

*Nkimara gutwita nahuye n'ibibazo byinshi ndetse ngenda ntakaza n'amahirwe menshi harimo ayo gukomeza ishuri, ariko kubera ko nari maze kubyara nkiri muto sinari guhita mbona ikintu nakora mu buzima.*

*Byari bikaze cyane. Murugo ntibabashije kubyakira ndetse nta n'ubufasha nigeze mpabwa n'uwanteye inda kuko yanyihakanye avuga ko umuntu atakora imibonano mpuzabitsina rimwe ngo atere inda.*

*Gutwara inda ukiri umwangavu ni igihe kiba kigoye kuko uriheba ndetse ugatakaza icyizere cy'ejo hazaza. Utakaza inshuti n'amahirwe menshi nubwo nanone utabura abantu bakurema agatima. Hari ubwo ugira ipfunwe ugatinya gusubira mu rungano kubera agahinda no kwiheba.*

*Ariko nubwo nanyuze muri ibyo byose, ubuzima burakomeza ndetse naje gutekereza ko nta mpamvu yo kwicara ngo nihebe. Nigiriye inama yo kutumva ko ibintu byarangiyeye. Aha niho nakuye imbaraga zo gukora nkiteza imbere ndetse nkaha n'urundi rubyiruko ubuhamya ngo nabo batazagwa mu kibazo nk'icyanjye.*

*Icyi kizere cyaje kugaruka ubwo natangiraga kwitabira ibikorwa bihuza urubyiruko harimo n'amahugurwa ya Never Again Rwanda kuko iyo nayitabiraga numvaga hari benshi banshyigikiye ndetse nkibutswa ko nanjye mfite icyo nakora mu kurwanya iki kibazo cy'inda zitateguwe muri bagenzi banjye.*

*Kuri ubu umwana wanjye yabaye inyigisho kuri njye kuko iyo mubonye nibuka ko biba byiza kwirinda ikibazo utarakigeramo ndetse akanyibutsa ko ngomba guharanira ejo hazaza hanjye ndetse nahe.*

*Nasoza mbwira urubyiruko rwaba urw'abakobwa cyangwa abahungu, kwirinda kwishora mu busambanyi kuko umubiri utawukoresha icyo wishakiye ahubwo bakwiye gutegereza bakazabikora igihe kigeze.*

## Ibitekerezo by'urubyiruko: icyakorwa mu guhangana n'inda zitateguwe



*Uwihozo Claire: Imfura Arts for peace*

Umwana akwiye kwigishwa ibijyanye n'ubuzima bw'imyorokere akiri muto. Ababyeyi bagomba gukora ibishoboka byose ngo babonere umwana abana kuko uburere bwiza umwana abukura mu muryango ndetse ababyeyi batabigizemo uruhare rutaziguye byagorana.

Ikindi ni ugushyiraho ubukangurambaga buhoraho binyuze mu mahugurwa, ubuhamya butangwa n'abagizweho ingaruka zo gutwara inda bakiri bato n'ibindi.

*Iryindekwe Joseph: Inzira nziza (Akarere ka Nyabihu)*

Ababyeyi bakwiye kuganiriza abana ku buzima bw'imyorokere badaca ku ruhande kandi bagacungira hafi ubuzima bwabo bwa buriminsi mu rwego rwo kubafasha kwisobanukirwa no kubarinda kutishora mu mibonano mpuzabitsina. Bakwiye kwerura bakababwiza ukuri ko mugihe kwifata binaniranye bakwiye gukoresha agakingirizo. Birakwiye ko yaba ababyeyi, amadini ndetse n'abandi bafite uburezi munshinganyiriza, bakomeza gukangurira urubyiruko gukomera ku ndangagaciro nyarwanda zo gukomera k'ubusugi n'ubumanzi.



*Uwase Clennie, Ikigo Nyarwanda cy'Ubuzima Bushingiyeye ku Muco [RCHC]*

Nabwira urubyiruko uti ejo hawe heza hari mu biganza byawe. Iyo igi rimenetse ntiriyorwa ndetse ko nta mata asogongerwa ngo abe akinyowe. Turi amizero y'ejo hazaza kandi turimo banyina w'umuntu mu minsi izaza. Reka tureke kwisanga twisanishije n'ibyaduka... twe kwiyibagira ngo twivurugute mu byateye uboshye abatazi iyo bagana, dusubire kuri kirazira n'indangagaciro z'i Rwanda. Nibiba bityo tuzibuka neza ko agapfundikiye gatera amatsiko maze natwe tubungabunge ubuzima bwacu tutigize agatebo ngo tuyore ivu.





# Symphony

BAND





**S**ymphony band ni itsinda rigizwe n'urubyiruko bakiri bato bize mu ishuri ry'umuziki ryahozze rihereye ku nyundo barimo Irakora Fabrice uvuzura ingoma, Niyontezeho Etienne ucuranga Piano, Mugisha Frank ucuranga Guitar Bass, Mugengakamere Joachim ucuranga Guitar Solo ndetse ubwo twakorana iki kiganiro Uwayezu Ariel (Ariel Wayz) yari akiririmo nk'umuririmbyi.

Itsinda rya symphony rimaze igihe gito ritangiye ariko rimaze kuba inyenyeri imurikira muzika nyarwanda, baracyari bato, babikora babikunze kandi bikaba binabatunze. Kuri ubu bihaye intego zo kwambutsa umuziki nyarwanda ku rwego mpuzamahanga.

Ubwo ishuri rya Muzika ryo ku nyundo ryatangiraga muri 2014 ryakomeje kurema abasore n'inkumi bafite ubumenyi bwimbitse kuri muzika harimo nko gucuranga Piano, kuvuzura ingoma, gucuranga ubwoko butandukanye bwa Guitar, Kuririmba, uko umuhanzi yitwara ku rubyiniro, gushyira amanota mu muziki, gakondo, kuririmba muri Korali, kwandika indirimbo, Igifaransa, icyongereza no gutunganya ibihangano.

Iri shuri niryoye itsinda rya Symphony band rigizwe n'urubyiruko bakiri bato, baba mu nzu imwe ndetse bamaze kwitabira ibitaramo bitandukanye mu Rwanda.

Ni itsinda ryahiriwe n'umwaka wa 2019 kuko ryabashije kwitabira ibitaramo bitandukanye birimo icyo Kwita Izina cyari cyatumiwemo icyamamare cyo muri America "NEYO" ndetse rinasururutsa ubukwe bw' umukobwa wa Perezida Paul Kagame "Ange Kagame".







**Imbuga nkoranyambaga twazikoreshaga kugirango dukomeze guhesha agaciro izina ryacu, ntitwari tugamije amafaranga nubwo byaje kuvamo andi mahirwe akomeye. 🙏**

Iyo ubasuye usanga mu ruganiriro rwabo harimo ibikoresho bikomeye bya muzika, icyumba kirimo sitidiyo itunganya imiziki ndetse n'inzu itunganya umuziki, cyangwa bari gusubiramo indirimbo zitandukanye ndetse bakanagutaramira.

Ubwo twabasuraga, Umuyobozi w'iri tsinda Etienne Niyontezeho yadutangarije ko umuhamagaru wabo ari umuziki ndetse basanze bose bahuje icyerekezo ati "Twasanze duhuje icyerekezo kandi twese tubifitemo umuhamagaru, umuziki ni ubuzima bwacu, twahisemo gukora ibyo dukunda kandi ntagishobora kudukuhagarika."

Niyontezeho avuga ko ibanga ryabo ari ugukorerwa hamwe, kugira intumbero imwe kandi bagakora ibyo bakunda. Ati "Twebwe dukora nk'ikipe, mbere y'uko duhuzwa n'akazi turi umuryango, turasohokana, turagendana ntabwo ushobora kubona umwe ahantu ntabwo uhari, ibintu byose dushatse gukora biratworohera kuko turi imbaraga zirenze iz'umuntu umwe. Duhananira ko izina ryacu rizamuka kandi iyo tubonye aho turirimba tubikora nkaho ari ubwa nyuma."

Ubwo isiyari mu kaga ko guhangana na COVID-19, iri tsindaryatangiyeye gusururutsa abantu ku mbuga nkoranyambaga aho byaje kurangira bibahesheje ibiraka

bitandukanye no kugaragara ku bitangazamakuru bikomeye mu Rwanda. Ngo babikoraga bashaka gukomeza guhesha izina ryabo agaciro. "Imbuga nkoranyambaga twazikoreshaga kugirango dukomeze guhesha agaciro izina ryacu, ntitwari tugamije amafaranga nubwo byaje kuvamo andi mahirwe akomeye".

Bavuga ko bafite intumbero yo gutangira gukora ibihangano byabo maze mu minsi izaza bakajya baturirwa atari nk'itsinda ricuranga gusa ahubwo nk'itsinda rinaririmba. Ubwo twajyaga kubareba, bari bafite indirimbo eshatu bakoreye muri studio yabo. "Benshi batuzi turi inyuma y'abahanzi tubafasha kuririmba indirimbo zabo, ndifuzaga kubona Symphony Band iri imbere y'abantu twatumiwe gukora ibihangano byacu." Joachim Mugengakamere ucuranga gitari

**Icyitonderwa:**

Muri iyi nkuru murasangamo umukobwa witwa Uwineza Ariel uzwi ku izina rya "Ariel Wayz" utakibarizwa muri iri tsinda. Ubwo twakoraga iki kiganiro yari umuririmbyi muri Symphony Band.



# QUOTES



## Niyontezeho Etienne:

Ndi umwana wo mu bashumba wiyeguriye muzika Ndi umwana wo mu bashumba muri Zion Temple, natangiye ncuranga mu rusengero ndetse ninaho ababyeyi bashakaga guhora bambona, ntibishimiraga kumbona mu muziki usanzwe kuko bumvaga ko ngiye kwinjira mu biyobyabwenge n'ubusinzi, gusa ntibari kumpagarika kuko nari mfite intumbero.

Byaje gukomera ubwo bashakaga ko nya kwiga amashuri ya Kaminuza ariko nyje nshaka kujya kwiga umuziki ku nyundo, nagiyeyo ari nko kwizirikaho 'igisasu'. Gusa bagiye babona ntacyo mpindukaho ndetse bitangira gutanga umusaruro bityo bagenda babyumva gake gake. Ubu tubanye neza nta kibazo rwose. icyiza ni ukudacika intege, kugira intege mu buzima ukamenya icyo ushaka kandi ukagihararira. Umucuranzi wa Piano wa Symphony Band, Etienne Niyontezeho

## Ariel Ways 19:

Ndi indwanyi yiteguye kwirwanirira

Amateka yacu ntabwo yahaye umukobwa amahirwe yo kwisanga mu myuga yose, haracyarimo kwitinyira n'ibindi bibazo byinshi. Umuziki urimo ingorane nyinshi ku mukobwa, hari benshi baba bashakaga kugufatirana ngo bagukoreshe ibyo bashakaga nk'ikiguzi cya serivisi. Hari abakobwa benshi bagenda bacika intege bakabivamo kubera ihohoterwa rishingiye ku gitsina, nanjye nahuye naryo, nahuye n'abanyita indaya kuko ndirimana n'abahungu gusa. Gusa nyewe ndashikamye, ndi umukobwa batakoresha ibyo bashakaga. Ndi umukobwa witeguye kwirwanirira, ndi indwanyi. Mu buzima ntabwo ncika intege, ndatsinda cyangwa nkiga. Uwayezu Ariel, (Ariel Ways), afite imyaka 19, twakoranye ikiganiro akiri umuririmbyi muri Symphony Band.

# POEM

## COVID AND EMPLOYMENT BY INKINDI MUCTAR

**A** virtuous night with a wonderful welkin,  
Full of quasi-Stella stars and a bright moon,  
My mind and face full of joy and  
excitements,  
For the next day, the Sun will shine  
With a new jade.

A new lawsuit and well-designed tie,  
Since 3 years moving from office to companies,  
My shoe soles have worn out,  
Plenty files full of letters and resumes,  
Cut off interviews but now I got the post,

In the first light, cockcrow time  
Stirring up to get set for a novel get of life  
But, aspirations evolves into ephialtes,  
All doors closed,  
The new virus in town,  
Deals shutdown,  
Everywhere they are lockdowns,  
Face masks are the crowns.

Picking up the phone to call the chief,  
Maybe to hear a word of relief,

Clearing his throat to give a brief  
The negative response fast as a followed thief.  
Now the thoughts of salary vanish in the vacuum,  
Plans perish in the effluvium,  
Layoff on the first day,  
Problems transpiring in heavy parcels.

Now the lunch is rare,  
A kilo of Posho we had to share,  
Supper is so scarce,  
March is so rugged.


These days are so rough,  
Even tougher when you cough,  
Hugging now is a transgression,  
Life is loose  
This pandemic is so painful,

It takes away freedom and fun,  
And burns down the lungs like hot chilli,  
Chilling with friends is a veto,  
I am alone in the Ghetto.

**S**towing away from the landlord,  
COVID-19 made the whole world  
Fall to its knees,  
Sneezing is like a sin,  
Nobody sees the medicine.

All occupations are locked,  
Social distancing is a song,  
Plenty confinement all around the globe,  
The plague made me poor as a church mouse.





---

## BIG QUESTION FOR THE NEXT EDITIONS

### TWESE TURIBAZA IBI. TUZABIGANIREHO MURI NUMERO ITAHA!

---

#### Who should be creating more jobs?

When you read newspapers, you read one of two narratives. Either, young people claiming that national economies are not creating enough jobs for them or officials saying that young people should create their own jobs. Some people agree that job creation requires a conducive environment, quality education, and equal opportunities for all. Whose responsibility is it to create more jobs? Let us know your thoughts and comments. You can also write for us on twitter (Youth Voices Rwanda).

#### What are the practices and habits that will fade after COVID-19?

Different people suggest that COVID-19 will transform our daily lives in the long run. Even though governments have begun lifting their lockdown measures, we are faced with the problem of how to return to normalcy.

Do you think there are existing practices that will disappear after COVID-19?

Let us know your thoughts and comments. You can also write for us on twitter (Youth Voices Rwanda).

#### Ninde wo guhanga imirimo myinshi ku rubyiruko?

Iyo uraranganyije amaso mu binyamakuru, usangamo imvugo ebyiri zose zigaruka ku guhanga umurimo. Urubyiruko ruhora rwibaza ibyo abayobozi bari gukora ngo bahange imirimo y'urubyiruko ndeste abayobozi bagahora basaba urubyiruko gukura amaboko mu mufuka bakihangira imirimo. Muri izi mvugo, ibihurirwaho nuko urubyiruko rukenewe guhabwa urubuga, gukaza ireme ry'uburezi ndetse n'amahirwe angana kuri bose.

#### Ubona hari imigenzo n'indangagaciro zitazagaruka nyuma ya COVID-19?

Abantu batandukanye bavugaga ko COVID-19 izahindura ubuzima bwacu mugihe kirambye. Nubwo Guverinoma zitandukanye zatangiye koroshya ingamba zo kurwanya COVID-19, benshi bibaza ko hari imigenzo twari tuzi mu biragano bya mbere ya COVID-19 itazagaruka nko guhana ibiganza n'ibindi.

Utekereza ko hari imigenzo n'uburyo bw'imibereho butazagaruka nyuma ya COVID-19?

Tanga ibitekerezo kuri iyi ngingo utwandikira kuri Youth Voices Rwanda (@inziranziza).





MOVIE REVIEW



# TIME RUNS OUT

WRITTEN & DIRECTED BY  
CHRISTOPHER NOLAN

ARMED WITH ONLY ONE WORD, TENET, AND FIGHTING FOR THE SURVIVAL OF THE ENTIRE WORLD, A PROTAGONIST JOURNEYS THROUGH A TWILIGHT WORLD OF INTERNATIONAL ESPIONAGE ON A MISSION THAT WILL UNFOLD IN SOMETHING BEYOND REAL TIME.

STARS: JOHN DAVID WASHINGTON, ROBERT PATTINSON, ELIZABETH DEBICKI



## FASCINATING FACTS ABOUT GOOGLE

- ◆ Google was originally named BackRub.
- ◆ Google is a play on the word "googol."
- ◆ Google's first office was a rented garage.
- ◆ Gmail was launched on April Fool's Day, no joke.
- ◆ Googlers ride colorful "gBikes" around the Googleplex.



- ◆ As part of their green initiative, Google regularly rents goats to mow the lawns of their mountain view HQ. The employees claim they find it calming to see goats outside the windows.
- ◆ Since 2010, Google has been acquiring an average of one company every week; Android, Youtube, Waze, you name it, Google owns it.